Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Gicumbi

ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABANTU BOSE BABISHAKA GUPIGANIRA AMAVURIRO Y'IBANZE (HEALTH POSTS)

Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ibikorwa na serivisi z'ubuvuzi zegerejwe abaturage, Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi buramenyesha abantu bose bifuza kandi bafite ubushobozi bwo gucunga amavuriro y'Ibanze (Health Posts) ko hari amavuriro y'Ibanze yashyizwe muri **gahunda y'ubufatanye bw'inzego za leta n'abikorera** (Private Public Partnership). Abifuza gupiganira gucunga ayo mavuriro y'Ibanze bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Ibaruwa yandikiwe Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi isaba gucunga ivuriro ry'ibanze (usaba agaragaza izina ry'ivuriro/amavuriro yifuza gucunga)
2. Umwirondoro (curriculum vitae) y'usaba kandi isinye (y'umwimerere)
3. Fotokopi ya Diplome [abafite diplome zo hanze bashyiraho equivalence] iriho umukono wa Noteri yo ku rwego rwa A0, A1, cyangwa A2 mu mwuga w'Ubuforomo,Ububyaza na Clinical Medicine and Community Health.
4. Fotokopi y'icyangombwa (license) kimwemerera gukora umwuga wo kuvura gitangwa n'urugaga rubifitiye ububasha kandi kitararenza igihe.
5. Fotokopi y'indangamuntu cyangwa passport
6. Mu gihe upiganira ivuriro atize umwuga w'ubuvuzi agomba kuba afite uburambe mubyo gucunga amavuriro cyangwa amavuriro y'ibanze by'umwihariko kandi agaragaza ibyangombwa by'abakozi azakoresha bize umwuga w'ubuvuzi kandi babifitiye ububasha [akurikije ingingo 1,2,3,4 na 5 zavuzwe haruguru].
7. Mugihe upiganira ivuriro ari itsinda ry'abantu cyangwa umuryango utegamiye kuri Leta (Non-Governmental Organization), asabwa kuba afite uburambe mugucunga amavuriro cyangwa amavuriro y'ibanze by'umwihariko, ibyangombwa by'iryo tsinda bigaragaza ko bemerewe gukora bitangwa na RGB (Rwanda Governance Board), no kugaragaza

AKARERE KA GICUMBI

ibyangombwa by'abakozi bize umwuga w'ubuvuzi azakoresha [akurikije ingingo 1,2,3,4 na 5 zavuzwe haruguru].

N.B:

- Utsindiye gucunga ivuriro asabwa kwemera gukorana na RSSB ndetse akubahiriza amasezerano agiranye nayo.
- Utsindiye ivuriro asabwa kubahiriza ibikubiye mu masezerano agirana n'Akarere ndetse no kubahiriza amahame agenga umwuga w'ubuvuzi mu Rwanda.
- Utsindiye ivuriro asabwa kubahiriza amabwiriza agenga imikorere y'amavuriro y'ibanze.
- Amavuriro y'ibanze apiganirwa murayasanga ku mugereka w'iri tangazo
- Iri tangazo riboneka ku rubuga(website)rw'Akarere ka Gicumbi **www.gicumbi.gov.rw** kugeza igihe ntarengwa cyagaragajwe.

Abifuza gupiganira amavuriro y'ibanze (Health Posts) yo mu Karere ka Gicumbi bakohereza dossier zabo icyarimwe (**one Signed PDF document**) zikubiyemo ibisabwa byavuzwe haruguru kuri **email:** recruitment@gicumbi.gov.rw bitarenze kuwa **24 Ugushyingo 2026** saa yine(**10h00**) za mugitondo, uzarenza icyo gihe cyavuzwe ubusabe bwe ntibuzakirwa.

Ukeneye ibindi bisobanuro yahamagara kuri telephone **0788434810** (Umuyobozi w'Ishami ry'ubuzima) cyangwa **0781284015** (Procurement Officer).

Bikorewe i Gicumbi kuwa 10 Ugushyingo 2026.

KIRENGA Moses

Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Gicumbi

GICUMBI DISTRICT

URUTONDE RW'AMAVURIRO Y'IBANZE APIGANIRWA

NO	Name of Health Post	Sector	Cell	Village	Type of HP: (FGHP/SGHP)	Management model: • Under HC, • PPP/Private Nurse • SFH • OFH Other: specify
1	NYABUBARE HP	SHANGASHA	NYABUBARE	NYAMIYAGA	FGHP	UNDER HC
2	KARAMBO	NYAMIYAGA	KARAMBO	KARAMBO	FGHP	UNDER HC
3	kabuga hp	KAGEYO	KABUGA	Gicumbi	FGHP	UNDER HC
4	MUKAKA HP	MIYOVE	MIYOVE	MUKAKA	FGHP	UNDER HC
5	KINISHYA HP	MIYOVE	KINISHYA	KABUGA	FGHP	UNDER HC
6	NDAYABANA HP	BWISIGE	NYABUSHINGITWA	GAHONDO	FGHP	UNDER HC
7	CYEYA HP	RUKOMO	CYEYA	RWAMBUNGO	FGHP	UNDER HC
8	KITAZIGURWA	SHANGASHA	KITAZIGURWA	IHARAMA	FGHP	UNDER HC
9	KIGOMA HP	RUTARE	KIGOMA	RYARWOGA	FGHP	UNDER HC
10	GASHARU HP	RUTARE	GASHARU	RWIMBOGO	FGHP	UNDER HC
11	RWESERO HP	BUKURE	RWESERO	KARAGALI	FGHP	UNDER HC
12	NGANGE HP	MUKO	NGANGE	GASHARU	FGHP	UNDER HC
13	KABARE HP	RUVUNE	KABARE	TABA	FGHP	UNDER HC
14	GASAMBYA HP	RUVUNE	GASAMBYA	NYAMIRAMA	FGHP	UNDER HC
15	BUTARE HP	NYANKENKE	BUTARE	GIKOMBE	FGHP	UNDER HC
16	RUTETE HP	NYANKENKE	RUTETE	NYAMUGALI	FGHP	UNDER HC
17	RUSASA HP	NYANKENKE	RUSASA	NYANGEZI	FGHP	UNDER HC
18	GASHIRIRA HP	RUVUNE	GASHIRIRA	RUGERERO	FGHP	UNDER HC
19	MABARE HP	Rukomo	Mabare	Rumarangoga	FGHP	UNDER HC